# 187: Ngwino, Mwami wacu Yesu

1. Ngwino, Mwami wacu Yesu, Ngwin' ugume muri jye : Mpatwe n'urukund' iteka Kujya ngukurikira.

2. Umutima wanjye wose Wuzur' ijambo ryawe, Mbone kunesha Satani N'imigambiye yose.

3. Amahoro yawe, Mwami, Ajy'aguma muri jye, Anyifurishe gufasha Abanyabyago bose.

4. Urukundo rwawe rwinshi Rusandare muri jye. Naho natukwa, nkagawa, Ruzabineshereza.

5. No mu ntambara njya ndwana, Nkubitana n'Umwanzi, Nzanesha, ntumbira Yesu Wamunesheje kera.

6. Ubwiza bwawe, Mukiza, Bungot' impande zose, Bikureba jyew' ahubwo Barebe wowe musa.

Visit us at indirimbo.com